**A. Intambara:**

- ❖ **Kuramya.**
  - — Abo mu ijuru baramya Imana kubwo gukomera kw'imbaraga zayo zo kurema (Ibyahishuwe 4:11; Yobu 38:6–7).
  - — Satani ku ruhande rwe yifuza kuramywa n'isi binyuze mu "nyamaswa" aha ububasha bwo "kurema" igishushanyo aboneramo kuramywa n'ab'isi bose (Ibyahishuwe 13:2, 4, 14–15).
  - — Ntabwo bitangaje kuba mu bihe nk'ibi Isabato ari yo zingiro ry'intambara. "Abitondera amategeko y'Imana bakagira no kwizera kwa Yesu" (Ibyahishuwe 14:12) baramya Imana ku munsi wibutsa Irema.
- ❖ **Kutarebera izuba.**
  - — Urugamba rwacu si urw'umubiri, ahubwo ni urw'ibya mwuka (Abefeso 6:12). Ntidukoresha intwaro z'ibigaragara, ahubwo ni iza mwuka (2Abakorinto 10:3–5). Nyamara umwanzi ntazuyaza kuduterana intwaro z'ibigaragara.
  - — Si iby'ubusa kuba abera bahura n'"ishyano", riterwa nuko Satani yibasiye itorero ryera (Ibyahishuwe 12:12). Kuri we, intwaro iyo ari yo yose yakoreshwa.
    1) Adushuka akurikije ibidukurura (Yakobo 1:14)
    2) Atwemeza akoresheje uburiganya (2Abakorinto 4:3–4)
    3) Akoresha benewacu (Matayo 10:34–36)
    4) Arakubita kandi agakangisha (Ibyakozwe 5:40)
    5) Akoresha ubugizi bwa nabi bukabije (Yohana 16:2)
  - — Uku ni ko yakoraga kera, kandi ni nako igitero cye giheruka kizaba kiri: uburiganya n'ubuhendanyi (Ibyahishuwe 13:13–14), gushyiraho ibihano mu by'ubukungu (Ibyahishuwe 13:16–17), iteka ry'urupfu ku batamuramya (Ibyahishuwe 13:15).

**B. Umwanzi:**

- ❖ **Intebe y'ikiyoka.**
  - — Ikiyoka gihagarariye Satani (Ibyahishuwe 12:9), naho iyi nyamaswa, ari nayo Satani agaragarizamo ububasha bwe, ni nayo ya nyamaswa ya 4 yo muri Daniyeli 7.
  - — Ibyahishuwe 13 ni ubusobanuro bwagutse bw'igice cya 12. Hatangirana ibyakurikiye kugerageza kurimbura Yesu, no gusubira mu ijuru Kwe (Ibyahishuwe 12:3–5). Imirongo ibanza igaruka ku gitero cyagabwe ku itorero mu gihe cy'imyaka 1.260, naho ahasigaye hibanda ku byaduka igihe "Ikiyoka kirakarira wa mugore, ki[k]agenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye" (Ibyahishuwe 12:17).
  - — Buhoro buhoro, icyicaro cya Roma cyasigaye mu maboko y'itorero, bityo ribona ububasha bwa politiki bwayibashishije guhinduka ubutware bwo gutuka Imana no kurenganya abera (Ibyahishuwe 13:4–8).
- ❖ **Uruguma rwakize.**
  - — Nyuma y'ibinyejana byinshi Itorero ry'i Roma rikoresha imbaraga zaryo "rijyana abantu ho iminyago" kandi "ryicisha inkota" (Ibyahishuwe 13:10), na ryo ubwaryo ryajyanyweho iminyago (ku ishusho y'umutware waryo Piyo wa VI) maze rikomereka "uruguma rwica" (Ibyahishuwe 13:3).
  - — Nubwo Papa yakomeje kugenga ibihugu bye kugeza mu 1870, amaherezo yatakaje igihugu cye cyose ubwo Ubwami bw'Ubutaliyani bwashingwaga.
  - — Mu 1929, Umurwa wa Vatikani wemejwe nk'igihugu cyigenga. Uruguma rwari rutangiye gukira. Nonese ni iki cyajyaga gukurikiraho kuva ubwo?
  - — Mu gihe ibyaduka biheruka birushaho kwigaragaza, umuyobozi w'isi azatabazwa ngo atange umuti w'akaga gakubiranye isi. Nta gushidikanya ko mu bisubizo bitangwa n'Ubupapa harimo kuruhuka ku Munsi wa Mbere w'icyumweru, nk'ikintu gikomeye cyazahura ubumwe bw'imiryango, amoko n'amahanga.
- ❖ **Ikiyoka n'umwana w'intama.**
  - — Inyamaswa ya mbere yaturutse ku buhenebere bw'Itorero ryari ryaratangijwe na Yesu. Rimaze gukomereka, Satani yashatse "umuhanuzi w'ibinyoma" ngo arizūngūre kandi arifashe gukira uruguma (Ibyahishuwe 13:11; 16:13). Ikindi kandi, Satani yafashijwe n'ishyanga ryavutse rishingiye ku mahame meza y'Ubukristo: Amerika ya Ruguru.
  - — Ni ishyanga ryatangiye ryīgāna Yesu (Umwana w'Intama). Ni republika (nta bami, cyangwa amakamba y'ubwami), kandi rishingiye ku gutandukanya ububasha bubiri (amahembe): ubwa gisivili n'ubw'iby'idini.
  - — Nk'ishyanga riri ku ruhembe ku isi, ryamaze gutangira kuvuga nk'ikiyoka. Bidatinze rizatangira gushyiraho amategeko agenga iby'idini, kandi mu gushyigikira Ubupapa, rizarema "igishushanyo cy'inyamaswa" (Ibyahishuwe 13:12–14).